# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

***Amategeko/ Laws/ Lois***

**N°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rigenga ibidukikije.........................................................................................2
**N°48/2018 of 13/08/2018**
Law on environment…………………………………………………………………........2
**N°48/2018 du 13/08/2018**
Loi sur l'environnement……………………………………………………………........2

**N°49/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rigenga imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda.......55
**N°49/2018 of 13/08/2018**
Law determining the use and management of water resources in Rwanda…………………...55
**N°49/2018 du 13/08/2018**
Loi portant utilisation et gestion des ressources en eau au Rwanda………………………......55

**N°52/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rihindura Itegeko nº21/2011 ryo ku wa 23/06/2011 rigenga amashanyarazi mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu…………………………………………………...82
**N°52/2018 of 13/08/2018**
Law modifying Law nº21/2011 of 23/06/2011 governing electricity in Rwanda as modified to date……………………………………………………………………………………82
**N°52/2018 du 13/08/2018**
Loi portant modification de la Loi nº 21/2011 du 23/06/2011 régissant l'électricité au Rwanda telle que modifiée à ce jour.........................................................................................82

**N°55/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rihindura Itegeko n°05/2011 ryo ku wa 21/03/2011 rigenga Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu mu Rwanda……………………………………………………………….....98
**N°55/2018 of 13/08/2018**
Law modifying Law n°05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda…………………………………………………………………………………….....98
**N°55/2018 du 13/08/2018**
Loi modifiant la Loi n°05/2011 du 21/03/2011 régissant les Zones Economiques Spéciales au Rwanda……………………………………………………………………………………..98

**ITEGEKO N°48/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIGENGA IBIDUKIKIJE**

**LAW N°48/2018 OF 13/08/2018 ON ENVIRONMENT**

**LOI N°48/2018 DU 13/08/2018 SUR L'ENVIRONNEMENT**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMIUTWE WA II: AMAHAME REMEZO AGENGA KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE**

**Ingingo ya 3: Ihame ryo kurinda**

**Ingingo ya 4: Ihame ry'uburambe bw'ibidukikije**

**Ingingo ya 5: Ihame ry'uko uwangije abihanirwa**

**Ingingo ya 6: Ihame ryo kumenyesha no gushishikariza kubungabunga ibidukikije**

**Ingingo ya 7: Ihame ry'ubufatanye**

**UMUTWE WA III: KUBUNGABUNGA NO KURENGERA IBIDUKIKIJE KAMERE**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: FUNDAMENTAL PRINCIPLES THAT GOVERN ENVIRONMENTAL CONSERVATION**

**Article 3: Precautionary principle**

**Article 4: Principle of environmental sustainability**

**Article 5: Polluter pays principle**

**Article 6: Principle of information dissemination and incentives for environmental conservation**

**Article 7: Principle of cooperation**

**CHAPTER III: CONSERVATION AND PROTECTION OF NATURAL ENVIRONMENT**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II: PRINCIPES FONDAMENTAUX RÉGISSANT LA CONSERVATION DE L'ENVIRONNEMENT**

**Article 3: Principe de précaution**

**Article 4: Principe de durabilité de l'environnement**

**Article 5: Principe du pollueur-payeur**

**Article 6: Principe de diffusion de l'information et incitations pour la conservation de l'environnement**

**Article 7: Principe de coopération**

**CHAPITRE III: CONSERVATION ET PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT NATUREL**

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Ubutaka n'ibiri i kuzimu** | **Section one: Soil and subsoil** | **Section première: Sol et sous-sol** |
| **Ingingo ya 8: Kubungabunga ubutaka n'ibiri ikuzimu** | **Article 8: Soil and subsoil conservation** | **Article 8: Conservation du sol et du sous-sol** |
| **Ingingo ya 9: Imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka n'ibiri ikuzimu** | **Article 9: Use and management of soil and subsoil** | **Article 9: Utilisation et gestion du sol et du sous-sol** |
| **Ingingo ya 10: Ibyitabwaho mu gutanga uruhushya ku mikoreshereze y'ubutaka n'ibiri i kuzimu** | **Article 10: Prerequisites for granting soil and subsoil exploitation license** | **Article 10: Conditions préalables à l'octroi de licence d'exploitation du sol et du sous-sol** |
| **Icyiciro cya 2: Umutungo w'amazi** | **Section 2: Water resources** | **Section 2: Ressources en eau** |
| **Ingingo ya 11: Imikoreshereze y'umutungo w'amazi** | **Article 11: Use of water resources** | **Article 11: Utilisation des ressources en eau** |
| **Ingingo ya 12: Kurengera umutungo kamere w'amazi** | **Article 12: Water resources protection** | **Article 12: Protection des ressources en eau** |
| **Icyiciro cya 3: Urusobe rw'ibinyabuzima** | **Section 3: Biodiversity** | **Section 3: Biodiversité** |
| **Ingingo ya 13: Kuzana mu Rwanda, gutumiza no kohereza mu mahanga inyamaswa iyo ari yo yose cyangwa ikimera** | **Article 13: Introduction, importation and exportation of any species of animals or plant** | **Article 13: Introduction, importation et exportation de toute espèce d'animal ou de plante** |
| **Ingingo ya 14: Gutunga no gucuruza inyamaswa zo mu gasozi** | **Article 14: Keeping of and trade in wild animals** | **Article 14: Détention et commerce d'animaux sauvages** |
| **Icyiciro cya 4: Umwuka wo mu kirere** | **Section 4: Atmosphere** | **Section 4: Atmosphère** |
| **Ingingo ya 15: Kurengera no kubungabunga umwuka wo mu kirere** | **Article 15: Protection and conservation of the atmosphere** | **Article 15: Protection et conservation de l'atmosphère** |

**Ingingo ya 16: Kurinda akayunguruzo k'imirasire y'izuba**

**UMUTWE WA IV: KUBUNGABUNGA NO KURENGERA IBIDUKIKIJE BIVA KU BIKORWA BYA MUNTU**

**Ingingo ya 17: Imicungire y'imyanda itemba**

**Ingingo ya 18: Imicungire y'imyanda ikomeye**

**Ingingo ya 19: Imicungire y'imyanda iteza impanuka cyangwa ubuhumane**

**Ingingo ya 20: Imicungire y'imyanda ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga**

**UMUTWE WA V: INSHINGANO ZA LETA, IZ'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE N'IZ'ABATURAGE MU KURENGERA, KUBUNGABUNGA NO GUTEZA IMBERE IBIDUKIKIJE**

**Icyiciro cya mbere: Inshingano zihuriweho**

**Ingingo ya 21: Kwinjiza ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe muri gahunda z'iterambere**

**Ingingo ya 22: Kwigisha abantu kubungabunga ibidukikije no kwita ku**

**Article 16: Protection of the ozone layer**

**CHAPTER IV: CONSERVATION AND PROTECTION OF BUILT ENVIRONMENT**

**Article 17: Liquid waste management**

**Article 18: Solid waste management**

**Article 19: Management of hazardous and toxic waste**

**Article 20: Management of electronic waste**

**CHAPTER V: OBLIGATIONS OF THE STATE, DECENTRALISED ENTITIES AND LOCAL COMMUNITIES WITH REGARD TO THE PROTECTION, CONSERVATION AND PROMOTION OF ENVIRONMENT**

**Section One: Common obligations**

**Article 21: Mainstreaming of environment and climate change in the development planning process**

**Article 22: Education on the conservation of environment and climate change**

**Article 16: Protection de la couche d'ozone**

**CHAPITRE IV: CONSERVATION ET PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT BÂTI**

**Article 17: Gestion des déchets liquides**

**Article 18: Gestion des déchets solides**

**Article 19: Gestion des déchets dangereux et toxiques**

**Article 20: Gestion des déchets électroniques**

**CHAPITRE V: OBLIGATIONS DE L'ÉTAT, DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES ET DES COMMUNAUTÉS QUANT À LA PROTECTION, CONSERVATION ET PROMOTION DE L'ENVIRONNEMENT**

**Section première: Obligations communes**

**Article 21: Intégration de l'environnement et du changement climatique dans le processus de planification du développement**

**Article 22: Éducation à la conservation de l'environnement et au changement**

| | | |
|---|---|---|
| **mihindagurikire y'ibihe** | | **climatique** |
| **Ingingo ya 23: Ubusitani** | **Article 23: Green spaces** | **Article 23: Espaces verts** |
| **Ingingo ya 24: Isuzuma ry'imihindagurikire y'ibihe no gutanga raporo** | **Article 24: Climate change assessment and reporting** | **Article 24: Évaluation et rapports sur les changements climatiques** |
| **Ingingo ya 25: Ingamba zo kwita ku mihindagurikire y'ibihe no guhererekanya ikoranabuhanga** | **Article 25: Response measures on climate change and technology transfer** | **Article 25: Mesures de réponse aux changements climatiques et transfert de technologie** |
| **Icyiciro cya 2: Inshingano za Leta** | **Section 2: Obligations of the State** | **Section 2: Obligations de l'État** |
| **Ingingo ya 26: Inshingano rusange za Leta** | **Article 26: General obligations of the State** | **Article 26: Obligations générales de l'État** |
| **Ingingo ya 27: Kurinda no kubungabunga ubutaka** | **Article 27: Protection and conservation of soil** | **Article 27: Protection et conservation du sol** |
| **Ingingo ya 28: Kurinda urusobe rw'ibinyabuzima** | **Article 28: Biodiversity protection** | **Article 28: Protection de la biodiversité** |
| **Ingingo ya 29: Imikoreshereze y'ingufu** | **Article 29: Energy use** | **Article 29: Utilisation de l'énergie** |
| **Ingingo ya 30: Imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'uko rikorwa** | **Article 30: Projects that must undergo an environmental impact assessment and its procedure** | **Article 30: Projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental et sa procédure** |
| **Ingingo ya 31: Isuzuma ry'ingamba zo ku bidukikije** | **Article 31: Strategic environmental assessment** | **Article 31: Évaluation environnementale stratégique** |
| **Ingingo ya 32: Igenzura ry'ibidukikije** | **Article 32: Environmental audit** | **Article 32: Audit environnemental** |
| **Ingingo ya 33: Gusuzuma no kwemeza inyigo ku bidukikije** | **Article 33: Consideration and approval of environmental studies** | **Article 33: Examen et approbation des études environnementales** |

**Ingingo ya 34: Ikiguzi cy'inyigo z'isuzuma ku bidukikije**

**Ingingo ya 35: Gutera inkunga ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije**

**Ingingo ya 36: Korohereza ibikorwa bitangiza ibidukikije**

**Ingingo ya 37: Amazi n'isukura**

**Ingingo ya 38: Gukumira ingaruka mbi z'imihindagurikire y'ibihe**

**Icyiciro cya 3: Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'iz'abaturage mu kubungabunga ibidukikije**

**Ingingo ya 39: Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

**Ingingo ya 40: Inshingano z'abaturage**

**Ingingo ya 41: Ishyirwaho rya Komite zo kurengera ibidukikije**

**UMUTWE WA VI: IBIKORWA BIBUJIJWE N'IBIHANO**

**Icyiciro cya mbere: Ibikorwa bibujijwe**

**Ingingo ya 42: Ibikorwa bibujijwe ku butaka buhehereye n'ibyanya birinzwe**

**Article 34: Cost of environmental assessments**

**Article 35: Financing of environmental conservation activities**

**Article 36: Facilitation for environment friendly initiatives**

**Article 37: Water and sanitation**

**Article 38: Prevention of adverse effects of climate change**

**Section 3: Obligations of decentralised entities and local communities as regards environmental conservation**

**Article 39: Obligations of decentralised entities**

**Article 40: Obligations of the population**

**Article 41: Establishment of environment protection committees**

**CHAPTER VI: PROHIBITED ACTS AND PENALTIES**

**Section One: Prohibited acts**

**Article 42: Prohibitions in wetlands and protected areas**

**Article 34: Coût d'études environnementales**

**Article 35: Financement des activités de conservation de l'environnement**

**Article 36: Facilitation des initiatives respectueuses de l'environnement**

**Article 37: Eau et assainissement**

**Article 38: Prévention des effets néfastes des changements climatiques**

**Section 3: Obligations des entités décentralisées et des communautés locales dans le cadre de la conservation de l'environnement**

**Article 39: Obligations des entités décentralisées**

**Article 40: Obligations de la population**

**Article 41: Création des comités de protection de l'environnement**

**CHAPITRE VI: ACTES INTERDITS ET PEINES**

**Section première: Actes interdits**

**Article 42: Interdictions dans les zones humides et dans les zones protégées**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 43: Ibikorwa bibujijwe biteza urusaku rwangiza** | **Article 43: Prohibited acts related to emission of harmful noise** | **Article 43: Actes interdits liés à l'émission sonore nuisible** |
| **Ingingo ya 44: Ibikorwa bibujijwe mu kurengera ibinyabuzima** | **Article 44: Prohibited acts in protection of biodiversity** | **Article 44: Actes interdits dans la protection de la biodiversité** |
| **Ingingo ya 45: Ibikorwa bibujijwe byerekeye ubutabire n'imyanda** | **Article 45: Prohibited acts related to chemicals and waste** | **Article 45: Actes interdits liés aux produits chimiques et aux déchets** |
| **Icyiciro cya 2: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Section 2: Administrative sanctions** | **Section 2: Sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 46: Gushyira mu bikorwa umushinga utarabona uruhushya rw'isuzumangaruka ku bidukikije** | **Article 46: Implementing a project without environmental impact assessment clearance** | **Article 46: Exécution d'un projet sans certificat d'étude d'impact environnemental** |
| **Ingingo ya 47: Guhumanya no kwangiza ubutaka buhehereye** | **Article 47: Polluting and damaging the wetlands** | **Article 47: Pollution et endommagement des zones humides** |
| **Ingingo ya 48: Guhindura ubutaka buhehereye** | **Article 48: Change of the nature of wetland** | **Article 48: Modification de la nature de la zone humide** |
| **Ingingo ya 49: Kutubahiriza intera zitegetswe** | **Article 49: Violation of required distances** | **Article 49: Violation des distances exigées** |
| **Ingingo ya 50: Guhumanya ahantu rusange n'ah'umuntu ku giti cye** | **Article 50: Polluting public and private area** | **Article 50: Pollution de l'espace public et privé** |
| **Ingingo ya 51: Guhumanya ahantu rusange n'ah'abikorera hakoreshejwe imyanda ikomoka ku bantu** | **Article 51: Polluting public or private area by human wastes** | **Article 51: Pollution d'un lieu public ou privé par les déchets humains** |
| **Ingingo ya 52: Gutwika imyanda** | **Article 52: Burning waste** | **Article 52: Brûler les déchets** |

<u>Ingingo ya 53:</u> **Guteza urusaku rurengeje ibipimo**

<u>Ingingo ya 54:</u> **Kubangamira igenzura**

<u>Ingingo ya 55:</u> **Iyishyurwa ry'ihazabu**

<u>Icyiciro cya 3:</u> **Ibyaha n'ibihano**

<u>Ingingo ya 56:</u> **Ubucuruzi, ubwikorezi no gucunga imyanda ihumanya**

<u>Ingingo ya 57:</u> **Gutumiza mu mahanga, kuzika mu mazi, gutaba, gutwika cyangwa gukoresha ubundi buryo bwatuma imyanda ibora**

<u>Ingingo ya 58:</u> **Guhiga, kugurisha, gukomeretsa cyangwa kwica inyamaswa yo mu bwoko bw'inyamaswa bukomye**

<u>Ingingo ya 59:</u> **Kurandura cyangwa gutema ikimera gikomye**

<u>Ingingo ya 60:</u> **Gushyira ku butaka buhehereye ubwoko bw'ibimera cyangwa inyamaswa utabiherewe uruhushya**

<u>UMUTWE WA VII:</u> **UBUGENZUZI N'UBUBASHA BW'UBUGENZACYAHA KU BIDUKIKIJE**

<u>Ingingo ya 61:</u> **Abakozi bafite ububasha bwo gukora ubugenzuzi**

<u>Article 53</u>: **Causing noise pollution**

<u>Article 54</u>: **Hindering inspection**

<u>Article 55</u>: **Payment of a fine**

<u>Section 3</u>: **Offences and penalties**

<u>Article 56</u>: **Trading, transportation and management of toxic waste**

<u>Article 57</u>: **Importing, immersing, burying, burning of waste or using any other means that cause their decomposition**

<u>Article 58</u>: **Hunting, selling, injuring or killing a protected animal species**

<u>Article 59</u>: **Uprooting or cutting a protected plant species**

<u>Article 60</u>: **Unauthorized introduction of plant or animal species into wetlands**

<u>CHAPTER VII</u>: **INSPECTION AND CRIMINAL INVESTIGATION POWER IN ENVIRONMENTAL MATTERS**

<u>Article 61</u>: **Staff with inspection capacity**

<u>Article 53</u>: **Pollution sonore**

<u>Article 54</u>: **Entrave à l'inspection**

<u>Article 55</u>: **Paiement d'amende**

<u>Section 3</u>: **Infractions et peines**

<u>Article 56</u>: **Commercialisation, transport et gestion des déchets toxiques**

<u>Article 57</u>: **Importation, immersion, enfouissement, incinération de déchets ou utilisation de tout autre moyen de décomposition**

<u>Article 58</u>: **Chasser, vendre, blesser ou tuer une espèce animale protégée**

<u>Article 59</u>: **Déraciner ou couper une espèce végétale protégée**

<u>Article 60</u>: **Introduction non autorisée d'espèces végétales et animales dans les zones humides**

<u>CHAPITRE VII</u>: **INSPECTION ET POUVOIR D'ENQUÊTE CRIMINELLE EN MATIÈRE ENVIRONNEMENTALE**

<u>Article 61</u>: **Employés dotés de qualité de faire l'inspection**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 62: Ububasha bw'abakora ubugenzuzi** | **Article 62: Powers of inspectors** | **Article 62: Pouvoirs des inspecteurs** |
| **Ingingo ya 63: Itangwa ry'ububasha bwo kugenza ibyaha** | **Article 63: Granting the power of criminal investigation** | **Article 63 : Attribution du pouvoir d'enquête criminelle** |
| **UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 64: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 64: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 64: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 65: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 65: Repealing provision** | **Article 65: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 66: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 66: Commencement** | **Article 66: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°48/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIGENGA IBIDUKIKIJE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 03 Mata 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 22, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 121, iya 168 n'iya 176;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena uburyo bwo kurengera,

**LAW N°48/2018 OF 13/08/2018. ON ENVIRONMENT**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 3 April 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 22, 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 121, 168 and 176;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines modalities for

**LOI N°48/2018 DU 13/08/2018 SUR L'ENVIRONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 3 avril 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 22, 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 121, 168 et 176;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine les modalités de

kubungabunga no guteza imbere ibidukikije.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, uretse aho byumvikana ukundi, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1° **ahantu hahehereye:** ahantu h'inkuka, ikibaya, igishanga, ubutaka burimo nyiramugengeri cyangwa amazi, haba ari kamere cyangwa haratunganyijwe n'abantu ku buryo buhoraho cyangwa bw'igihe gito, hari amazi aretse cyangwa atemba, afutse, cyangwa arimo urwunyunyu harimo ahantu h'amazi yo mu nyanja kandi ubujyakuzimu bwaho igihe cy'umuraba muto bukaba butarenze metero esheshatu (6m);

2° **amazi:** igisukika kigaragazwa n'ikimenyetso $H_2O$, kigaragara nk'imvura kandi kikaboneka mu nyanja nini, inyanja nto, ibiyaga n'inzuzi. Bitewe n'aho ari n'uko yirema, ashobora guhindura inyito ku buryo bukurikira:

a. amazi areka y'inyanja, ay'ibiyaga, ibidendezi, ibyuzi n'ibishanga;

b. amazi atemba y'imvura;

c. amazi atemba y'inzuzi n'imigezi;

protecting, conserving and promoting the environment.

**Article 2: Definitions**

In this Law, unless the context otherwise requires, the following terms are defined as follows:

1° **wetlands:** areas consisting of marsh, fen, peat land or water, whether natural or artificial, permanent or temporary, with water that is static or flowing, fresh, brackish or salt, including areas of marine water the depth of which at low tide does not exceed six (6) meters;

2° **water:** a substance of molecular formula $H_2O$, which is present naturally as rain and found in the oceans, seas, lakes and rivers. Depending on where it is and how it forms, it may change its name in the following manner:

a. stagnant water of the oceans, lakes, ponds, pools and swamps;

b. flowing rain water;

c. flowing river and stream water;

protection, de conservation et de promotion de l'environnement.

**Article 2: Définitions**

Aux fins de la présente loi, sauf indication contraire du contexte, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **zones humides:** zones marécageuses, tourbières ou d'eaux, naturelles ou artificielles, permanentes ou temporaires, avec de l'eau statique ou coulante, fraîche, saumâtre ou salée, y compris les zones d'eau de mer dont la profondeur à marée basse ne dépasse pas six (6) mètres;

2° **eau:** substance de formule moléculaire $H_2O$, qui se présente naturellement sous forme de pluie et se trouve dans les océans, les mers, les lacs et les rivières. Selon son emplacement et sa forme, l'eau peut changer d'appellation comme suit:

a. l'eau stagnante des océans, lacs, étangs, mares et marécages;

b. les eaux de ruissellement de la pluie;

c. les eaux courantes des fleuves, rivières et ruisseaux;

d. amazi acengera mu butaka;
e. amazi y'ikuzimu.

3° **guhangana:** uburyo bwo kumenyera ingaruka z'ibintu biriho cyangwa byitezwe ko bishobora kubaho hagamijwe koroshya uburyo byangiza cyangwa kubibyazamo amahirwe mu bifitiye umuntu inyungu. Bisobanura kandi uburyo bwo kwihanganira cyangwa kumenyera ibihe biriho n'ingaruka zabyo kandi uruhare abantu babigiramo rukaba rwakoroshya uburyo abantu bihanganira ibihe byitezwe kuzabaho;

4° **ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu:** ahantu hatunganyijwe hagenewe ibikorwa bya muntu bijyanye n'imibereho ;

5° **ibidukikije kamere:** urusobe karemano rw'ibinyabuzima n'ibidafite ubuzima biba ku isi, harimo ubutaka, ikuzimu, amazi, umwuka, urusobe rw'ibinyabuzima, imisozi n'ibibaya, ahantu nyaburanga n'inyubako karemano bigira ingaruka ku mibereho y'umuntu ndetse n'ibikorwa by'ubukungu;

6° **ibidukikije:** urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibiva ku bikorwa bya muntu, harimo ibinyabutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho

d. water that penetrates the soil;
e. underground water.

3° **adaptation:** the process of adjustment to actual or expected climate and its effects in order to moderate harm or exploit beneficial opportunities. The term also means the process of adjustment to actual climate and its effects and that the human intervention may facilitate the adjustment to expected climate;

4° **built environment:** man-made surroundings that provide the setting for human activities for social welfare;

5° **natural environment:** an environment that encompasses all living species and non-living things occurring naturally on earth, including soil and subsoil, water, air, biodiversity, and landscapes, tourist sites and monuments that affect human survival and economic activity;

6° **environment:** a diversity of things made up of natural and built environment, including chemical substances, biodiversity as well as socio-economic activities, cultural, aesthetic and scientific

d. les eaux d'infiltration;
e. les eaux souterraines.

3° **adaptation:** processus d'adaptation au climat réel ou attendu et à ses effets afin de modérer les dommages ou exploiter les opportunités bénéfiques. Il s'agit aussi du processus d'ajustement au climat réel et à ses effets et que l'intervention humaine peut faciliter l'adaptation au climat attendu;

4° **environnement bâti:** environnement artificiel où se déroulent les activités humaines pour le bien-être social ;

5° **environnement naturel:** environnement englobant toutes les espèces vivantes et les éléments non vivants qui se produisent naturellement sur la terre, y compris le sol et le sous-sol, de l'eau, de l'air, de la biodiversité, des paysages, des sites touristiques et des monuments naturels qui affectent la survie humaine et des activités économiques;

6° **environnement:** ensemble des éléments composés de l'environnement naturel et de l'environnement bâti, y compris les éléments chimiques, la biodiversité ainsi que des activités socio-économiques,

y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye, z'ako kanya cyangwa zitinda kugaragara, ku majyambere y'ahantu ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu;

7° **igenzura ry'ibidukikije:** ugukusanya byimbitse amakuru no gusuzuma buri gihe ku buryo bufatika uburyo bwo kurengera no gucunga ibidukikije no kubungabunga imikoreshereze ;

8° **igishanga:** ahantu harambuye hagati y'utununga cyangwa imisozi hari amazi n'urusobe rw'ibinyabuzima hamera urufunzo, urukangaga cyangwa ibimera byo mu muryango wabyo;

9° **ikibaya:** ahantu harambuye harimo amazi make n'igabanuka ry'urusobe rw'ibinyabuzima;

10° **Ikigo:** Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije;

11° **ikumira:** ingamba zo gukumira no kugabanya imyuka ihumanya igira uruhare mu mihindagurikire y'ibihe;

12° **ikuzimu:** igice cy'ubutaka kiri munsi y'ubutaka bwo hejuru;

factors likely to have direct or indirect, immediate or long term effects on the development of an area, biodiversity and on human activities;

7° **environmental audit:** systematic documentation and periodic and objective evaluation of protection and management of the environment, the conservation and sustainable use of natural resources;

8° **swamp:** a plain area between hills or mountains with water and biodiversity where papyrus or carex or plants of their species grow;

9° **plain land:** a flat area with little water and less biodiversity;

10° **Authority:** the national authority in charge of conservation of environment;

11° **prevention:** strategies to prevent and mitigate gas emissions which contribute to climate change;

12° **subsoil:** the layer of soil under the top soil;

culturelles, esthétiques et des facteurs scientifiques susceptibles d'avoir un effet direct ou indirect, immédiat ou à long terme sur le développement du milieu, de la biodiversité et des activités humaines;

7° **audit environnemental:** documentation systématique et évaluation périodique et objective de la protection et de la gestion de l'environnement, la conservation et de l'utilisation durable des ressources ;

8° **marais:** plaine entre les collines ou les montagnes avec de l'eau et de la biodiversité où poussent le papyrus ou le carex ou les plantes de leur espèce;

9° **plaine:** zone plate avec peu d'eau et moins de biodiversité;

10° **Office :** Office national ayant la conservation de l'environnement dans ses attributions ;

11° **prévention:** stratégies de prévention et de mitigation des émissions de gaz qui contribuent au changement climatique;

12° **sous-sol:** la partie du sol sous le sol supérieur;

13° **imihindagurikire y'ibihe:** ihinduka ry'ibihe riterwa ku buryo buziguye cyangwa butaziguye n'ibikorwa bya muntu bihindura ibigize ikirere muri rusange kandi byiyongera ku mihindagurikire karemano yagiye igaragara mu bihe byagereranyijwe;

14° **imyanda:** ibintu byose byaba bikomeye, bitemba cyangwa ari umwuka bikomoka ku bikorwa bya muntu byangiza birimo n'imyanda ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga n'imyanda iteza impanuka;

15° **imyuka ihumanya ikirere:** ibigize imyuka ya gazi yo mu kirere, byaba kamere cyangwa bikomoka ku bikorwa by'abantu, bimira kandi bikongera bikagarura imyanda yanduza, harimo imyuka yo mu bwoko bwa *carbon dioxide*, gazi metani, *nitrous oxide*, *hydrofluorocarbons*, *perfluorocarbons*, *sulphur hexafluoride* n'indi myuka idahita ihumanya ikirere;

16° **indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima:** urusobe rw'ibimera, inyamaswa n'ibinyabuzima bito cyane hamwe n'indiri yabyo byuzuzanya;

17° **inkuka:** ubutaka buhehereye bubonekaho ibyatsi kurusha ibiti cyangwa ibiti bikunze kugaragara ku nkengero

13° **climate change:** a change in weather patterns attributed directly or indirectly to human activity that alters the composition of the global atmosphere and which is in addition to natural climate variability observed over comparable time periods;

14° **waste:** any substance whether solid, liquid or gaseous from human activity that cause a serious harm including electronic-waste and hazardous wastes;

15° **greenhouse gases:** gaseous constituents of the atmosphere, both natural and anthropogenic, that absorb and emit infrared radiation, including carbon dioxide, methane, nitrous oxide, hydrofluorocarbons, perfluorocarbons, sulphur hexafluoride and indirect greenhouse gases;

16° **ecosystem:** a dynamic complex of plant, animal and micro-organism communities and their non-living environment interacting as a functional unit;

17° **shores:** a wetland that is dominated by herbaceous rather than woody or plant species often found at the edges of lakes

13° **changement climatique:** changement des conditions météorologiques attribuées directement ou indirectement à l'activité humaine qui altère la composition de l'atmosphère en général et qui s'ajoute à la variabilité climatique naturelle observée sur des périodes comparables;

14° **déchet:** toute substance solide, liquide ou gazeuse provenant de l'activité humaine qui nuit à la santé y compris les déchets électroniques et les déchets dangereux ;

15° **gaz à effet de serre:** constituants gazeux de l'atmosphère, à la fois naturels et anthropiques, absorbant et réémettant le rayonnement infrarouge, y compris le dioxyde de carbone, méthane, protoxyde d'azote, les hydrofluorocarbures, les perfluorocarbures, l'hexafluorure de soufre et les gaz à effet de serre indirects;

16° **écosystème:** complexe dynamique des plantes, animaux et microorganismes et leur environnement abiotiques interagissant comme une unité fonctionnelle;

17° **bords:** zone humide dominée par des espèces végétales herbacées plutôt que ligneuses ou plantes ligneuses souvent

z'ibiyaga n'imigezi ku buryo biziba icyuho hagati y'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima byo mu mazi no ku butaka;

18° **inyubako:** ikintu cyose cyubatse cyangwa giteretse ahantu hamwe cyangwa kimukanwa gishobora guhungabanya ibidukikije;

19° **irekurwa ry'imyuka:** imyuka yangiza cyangwa ibiyikomokaho bijya mu kirere mu gace aka n'aka no mu gihe runaka;

20° **isuzuma ry'ingamba ku bidukikije:** isuzuma rigamije kwita mu buryo buboneye ku birebana n'ibidukikije no gukemura ibibazo n'ingaruka politiki, imigambi na gahunda ziteganyijwe zagira ku bidukikije, mu gihe cyo kubitegura;

21° **isuzumangaruka ku bidukikije:** isesengura ryimbitse rigamije kugaragaza ingaruka zishobora guterwa n'umushinga ku bidukikije, imibereho n'ubukungu mbere y'uko hafatwa icyemezo cyo kwemera umushinga;

22° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze;

23° **ubuhumane:** ubwandu buterwa n'imyanda, ibikomoka ku butabire

and streams where they form a transition between the aquatic and terrestrial ecosystems;

18° **installation:** any asset built or fixed to a certain place or movable which may cause disruption of the environment;

19° **emissions:** greenhouse gases or their precursors into the atmosphere over a specified area and period of time;

20° **strategic environmental assessment:** a systematic and flexible process of addressing the environmental aspects and consequences of proposed policies, plans and program initiatives at the earliest appropriate stage of decision-making;

21° **environmental impact assessment:** a systematic process of identifying environmental, social and economic impacts of a project before a decision of its acceptance is made;

22° **Minister:** Minister in charge of environment;

23° **pollution:** the contamination caused by waste, harmful biochemical products

trouvées aux bords des lacs et des cours d'eau où elles forment une transition entre les écosystèmes aquatiques et terrestres;

18° **installation:** tout dispositif construit ou fixé à un endroit ou mobile susceptible de perturber l'environnement;

19° **émissions:** gaz à effet de serre ou de leurs précurseurs dans l'atmosphère sur une zone et une période déterminées;

20° **évaluation environnementale stratégique:** processus systématique et souple de prise en compte des aspects environnementaux et des conséquences des politiques, des plans et des initiatives de programmes proposés le plus tôt possible au stade approprié de la prise de décision;

21° **étude d'impact environnemental:** processus systématique d'identifier les impacts environnementaux, sociaux et économiques d'un projet avant la décision de l'accepter;

22° **Ministre:** Ministre ayant l'environnement dans ses attributions;

23° **pollution:** contamination causée par les déchets, les produits biochimiques nocifs

byangiza biva ku bikorwa bya muntu bishobora guhindura aho umuntu aba bikagira ingaruka mbi ku bidukikije harimo imibereho y'umuntu, inyamaswa, ibimera n'isi atuyeho;

24° **ubutaka:** igice kigaragara hejuru ku buso bw'isi kibaho ibinyabuzima harimo ibimera, inyamaswa n'abantu;

25° **ubuyobozi bubifitiye ububasha:** urwego rumwe cyangwa nyinshi zifite ububasha buteganywa n'itegeko;

26° **umubande:** ahantu hari hagati y'utununga cyangwa imisozi ibiri harangwa n'isoko y'amazi y'imusozi cyangwa y'ikuzimu;

27° **umuntu:** umuntu ku giti cye, abantu benshi, sosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi;

28° **umusozi:** ahantu hatumburutse h'isi, hasumba ibibaya n'ibishanga;

29° **umwuka:** uruvange rwa gazi rutagaragara ruba mu kirere kandi ruhumekwa n'ibinyabuzima ariko rushobora kugira ingaruka ku mibereho yabyo ndetse n'ibidukikije muri rusange;

derived from human activities that may alter a person's habitat and cause adverse effects on the environment including a person's social wellbeing, flora, fauna and the world he/ she lives in;

24° **soil:** the upper most part of the earth whose surface land hosts living things, including plants, animals and people;

25° **competent authority:** a service or several services with competence provided for by law;

26° **valley:** an area between two hills or mountains characterised by a source of water above the ground or underground;

27° **person:** an individual, a group of individuals, a company, an organisation or an association with legal personality;

28° **mountain:** an elevated part of the earth higher than the plain lands and swamps;

29° **air:** an invisible mixture of gaseous fluid in the atmosphere and which is breathed by biodiversity which can create effects on their existence and the environment in general;

dérivés des activités humaines qui peuvent altérer l'habitat de l'homme et causer des effets néfastes sur l'environnement y compris le bien-être social de l'homme, sur les animaux, la flore, la faune et le monde où il habite;

24° **sol:** partie la plus superficielle de la surface de la terre constituant le support des êtres vivants, y compris les végétaux, les animaux et les personnes;

25° **autorité compétente:** un ou plusieurs services dont les compétences sont définies par la loi;

26° **vallée:** zone située entre deux collines ou montagnes caractérisée par un cours d'eau au-dessus du sol ou renfermant des eaux souterraines;

27° **personne:** personne physique, groupe de personnes, société commerciale, organisation ou association dotée de la personnalité juridique;

28° **montagne:** partie saillante de l'écorce terrestre plus haute que les plaines et les marais;

29° **air:** fluide gazeux invisible de la couche atmosphérique respirable par la biodiversité et qui peut créer des effets sur leur existence et sur l'environnement en général;

30° **urusobe rw'ibinyabuzima:** uruvange rw'ibinyabuzima by'ubwoko bwose harimo umuntu, inyamaswa z'amoko yose, ibimera by'amoko yose byaba ibiri ku butaka, mu butaka, mu mazi cyangwa mu kirere hamwe n'ubugirirane burangwa hagati yabyo.

## UMIUTWE WA II: AMAHAME REMEZO AGENGA KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE

### Ingingo ya 3: Ihame ryo kurinda

Ihame ryo kurinda rifasha gukumira cyangwa kugabanya ingaruka mbi ku bidukikije.

Ibikorwa bigaragayeho cyangwa bikekwaho kuba byagira ingaruka mbi ku bidukikije ntibigomba gutangira mu gihe inyigo za gihanga zitaragaragaza ko nta kibazo byateza.

### Ingingo ya 4: Ihame ry'uburambe bw'ibidukikije

Ihame ry'uburambe bw'ibidukikije rifasha guha amahirwe angana ibisekuruza bitandukanye.

Uburenganzira ku majyambere bugomba kugerwaho hitabwa ku bikenerwa

30° **biodiversity:** the variability of living organisms of all types including a person, animals of all species, plants of all types be it on land or underground, in water or in the atmosphere and the interactions among them.

## CHAPTER II: FUNDAMENTAL PRINCIPLES THAT GOVERN ENVIRONMENTAL CONSERVATION

### Article 3: Precautionary principle

The precautionary principle contributes to preventing or reducing the disastrous consequences on environment.

Activities considered or suspected to have negative impacts on environment must not be implemented pending results of a scientific assessment ruling out the potentiality of such impacts.

### Article 4: Principle of environmental sustainability

The principle of environmental sustainability makes sure that present and future generations enjoy equal opportunities.

The right to development must be achieved in consideration of the needs of present and

30° **biodiversité:** variabilité des organismes vivants de toutes sortes comprenant la personne, les animaux de toutes espèces, les végétaux de tous genres qu'ils soient terrestres, souterrains, marins ou dans l'atmosphère et les interactions qu'ils entretiennent entre eux.

## CHAPITRE II: PRINCIPES FONDAMENTAUX RÉGISSANT LA CONSERVATION DE L'ENVIRONNEMENT

### Article 3: Principe de précaution

Le principe de précaution contribue à la prévention ou à la réduction des conséquences désastreuses sur l'environnement.

Les activités considérées ou soupçonnées d'avoir des incidences négatives sur l'environnement ne doivent pas être mises en œuvre en attendant les résultats d'une étude scientifique infirmant l'éventualité de telles incidences.

### Article 4: Principe de durabilité de l'environnement

Le principe de durabilité de l'environnement consiste à garantir l'égalité des chances aux générations présentes et futures.

Le droit au développement doit être atteint en tenant compte des besoins des générations

n'ibisekuruza biriho n'ibizaza.

**Ingingo ya 5: Ihame ry'uko uwangije abihanirwa**

Ihame ry'uko uwangije abihanirwa rifasha guca intege ibikorwa byo kwangiza ibidukikije no guhana uwarenze ku mategeko.

Umuntu wese ugaragaje imyitwarire cyangwa ibikorwa bitera cyangwa bishobora guteza ingaruka mbi ku bidukikije arabihanirwa cyangwa agategekwa kubisubiza uko byari bimeze. Iyo bidashoboka, ategekwa gusana ibyangijwe.

**Ingingo ya 6: Ihame ryo kumenyesha no gushishikariza kubungabunga ibidukikije**

Ihame ryo kumenyesha no gushishikariza kubungabunga ibidukikije rifasha kunoza imyumvire ku kamaro k'ibidukikije no kubibungabunga.

Buri muntu afite uburenganzira bwo kumenyeshwa imiterere y'ibidukikije kandi asabwa kugira uruhare mu ngamba n'ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije.

**Ingingo ya 7: Ihame ry'ubufatanye**

Ihame ry'ubufatanye rifasha gushyira hamwe

future generations.

**Article 5: Polluter pays principle**

The polluter pays principle aims to deter activities impairing environment and punish any person who violates regulations.

Any person who demonstrates behaviour or activities that cause or which may cause adverse effects on environment is either punished or ordered to make restitution. If the restitution is not possible, he/she is also ordered to rehabilitate it.

**Article 6: Principle of information dissemination and incentives for environmental conservation**

The principle of information dissemination and incentives for environmental conservation contributes to fostering awareness about the usefulness of environment and its conservation.

Every person has the right to be informed of the state of the environment and to take part in strategies and activities aimed at conserving the environment.

**Article 7: Principle of cooperation**

The principle of cooperation helps consolidate

présentes et futures.

**Article 5: Principe du pollueur-payeur**

Le principe du pollueur-payeur vise à dissuader les activités portant atteinte à l'environnement et à sanctionner toute personne qui enfreint les règlements.

Toute personne dont le comportement ou les activités causent ou sont susceptibles de causer des dommages à l'environnement est soumise à une sanction ou à une restitution. En cas d'impossibilité, il assume toutes les mesures de réhabilitation.

**Article 6: Principe de diffusion de l'information et incitations pour la conservation de l'environnement**

Le principe de diffusion de l'information et incitations pour la conservation de l'environnement aide à développer la prise de conscience quant à l'utilité et à la conservation de l'environnement.

Toute personne a le droit d'être informée de l'état de l'environnement et de participer aux stratégies et visant la conservation de l'environnement.

**Article 7: Principe de coopération**

Le principe de coopération sert à consolider

imbaraga mu kubungabunga ibidukikije.

Muri politiki yayo yo kurengera ibidukikije, Leta yihatira guteza imbere ubutwererane n'amahanga.

Inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta, amashyirahamwe ndetse n'abikorera basabwa gufatanya mu kwita ku bidukikije.

**UMUTWE WA III: KUBUNGABUNGA NO KURENGERA IBIDUKIKIJE KAMERE**

**Icyiciro cya mbere: Ubutaka n'ibiri ikuzimu**

**Ingingo ya 8: Kubungabunga ubutaka n'ibiri ikuzimu**

Ubutaka n'ibiri ikuzimu bigize umutungo kamere wo kurindwa uburyo bwose bwawuhungabanya kandi ugomba gukoreshwa mu buryo burambye hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 9: Imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka n'ibiri ikuzimu**

Umushinga wose ujyanye no gukoresha ubutaka hagamijwe ubushakashatsi, inganda,

efforts towards the conservation of environment.

The government through its environmental policy emphasises the promotion of international cooperation.

Authorities, national and international non-governmental organisations, associations and private individuals are required to cooperate in protecting the environment.

**CHAPTER III: CONSERVATION AND PROTECTION OF NATURAL ENVIRONMENT**

**Section one: Soil and subsoil**

**Article 8: Soil and subsoil conservation**

The soil and subsoil constitute the natural resources to be protected from all kinds of degradation and they must be used in a sustainable manner in accordance with relevant laws.

**Article 9: Use and management of soil and subsoil**

Any land exploitation project for research, industry, urbanisation, rural settlement,

les efforts investis dans la conservation de l'environnement.

Le gouvernement, dans sa politique environnementale, met un accent particulier sur la promotion de la coopération internationale.

Les autorités, les organisations non gouvernementales nationales et internationales, les associations et les particuliers sont tenus de coopérer dans la protection de l'environnement.

**CHAPITRE III: CONSERVATION ET PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT NATUREL**

**Section première: Sol et sous-sol**

**Article 8: Conservation du sol et du sous-sol**

Le sol et le sous-sol constituent les ressources naturelles à protéger contre toutes sortes de dégradation et doivent être utilisés de manière durable conformément à la législation en la matière.

**Article 9: Utilisation et gestion du sol et du sous-sol**

Tout projet d'exploitation des terres à des fins de recherche, industrielles, d'urbanisation,

imitunganyirize y'imijyi, imiturire mu cyaro, ibikorwa remezo, ubuhinzi bukoresha inyongeramusaruro ku buso bunini cyangwa ubucukuzi bw'umutungo kamere ugomba kuba ufite uruhushya rutangwa mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.

Imikoreshereze y'ubutaka n'ibiri ikuzimu icungwa kandi ikagengwa mu buryo burambye hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ibyitabwaho mu gutanga uruhushya ku mikoreshereze y'ubutaka n'ibiri i kuzimu**

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, itangwa ry'uruhushya rw'imikoreshereze y'ubutaka n'ibiri ikuzimu, rigomba kwita kuri ibi bikurikira:

1° uburemere n'ubushobozi bw'ingamba zikumira ubuhungabane bw'ibidukikije;

2° kugenzura ko inyungu z'abaturiye umushinga zitaweho;

3° inshingano yo gusubiranya ahangijwe mu buryo bwose bushoboka, kugira ngo hasubireho ubwiza bw'imisozi n'ibibaya cyangwa imiterere kamere yahindutse bitewe n'imirimo, hakurikijwe umushinga wo gusubiranya wemejwe n'ubuyobozi

infrastructure, intensive farming or extraction is subject to authorisation issued in accordance with relevant laws.

Soil and subsoil use is managed and administered on a sustainable basis in accordance with relevant laws.

**<u>Article 10</u>: Prerequisites for granting soil and subsoil exploitation license**

For the purposes of the protection of environment, the soil and subsoil exploitation licence is issued after consideration of the following:

1° the significance and effectiveness of measures to prevent environmental degradation;

2° the considerations of interests of the local community in the vicinity of the project;

3° the obligation to rehabilitate the damaged area in any possible way in order to restore the beauty of the landscape or the natural systems modified by human activity in accordance with a pre-established rehabilitation plan approved by the competent authority.

d'habitation en milieu rural, d'infrastructures, d'agriculture intensive ou d'extraction minière est soumis à une autorisation préalable délivrée conformément à la législation en la matière.

L'utilisation du sol et du sous-sol est gérée et administrée de manière durable conformément à la législation en la matière.

**<u>Article 10</u>: Conditions préalables à l'octroi de licence d'exploitation du sol et du sous-sol**

Pour protéger l'environnement, la délivrance de la licence d'exploitation du sol et du sous-sol se fait après considération de ce qui suit:

1° l'importance et l'efficacité des mesures visant à prévenir la dégradation de l'environnement;

2° la considération des intérêts de la communauté locale à proximité du chantier;

3° l'obligation de réhabiliter la zone endommagée autant que possible pour restaurer la beauté du paysage ou les systèmes naturels modifiés par l'activité humaine conformément à un plan de réhabilitation préétabli approuvé par l'autorité compétente.

bubifitiye ububasha.

**Icyiciro cya 2: Umutungo w'amazi**

**Ingingo ya 11: Imikoreshereze y'umutungo w'amazi**

Inzuzi, imigezi, amazi y'ikuzimu, amasoko, ibidendezi, ibishanga n'ibiyaga biri mu bigize umutungo rusange wa Leta.

Imikoreshereze yabyo igengwa n'amategeko.

**Ingingo ya 12: Kurengera umutungo kamere w'amazi**

Umutungo kamere w'amazi ugomba kurindwa ubuhumane aho bwaturuka hose.

Ibishanga bihoramo amazi kandi bikungahaye ku bimera byo mu bishanga bigomba kurindwa by'umwihariko hitabwa ku ruhare rwabyo ndetse n'agaciro kabyo mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

**Icyiciro cya 3: Urusobe rw'ibinyabuzima**

**Ingingo ya 13: Kuzana mu Rwanda, gutumiza no kohereza mu mahanga inyamaswa iyo ari yo yose cyangwa ikimera**

Kuzana mu Rwanda, gutumiza no kohereza mu mahanga inyamaswa iyo ari yo yose

**Section 2: Water resources**

**Article 11: Use of water resources**

Rivers, streams, underground water, springs, ponds, swamps and lakes are part of the State's public domain.

Their use is governed by law.

**Article 12: Water resources protection**

Water resources must be protected from any source of pollution.

Swamps with permanent water and full of swamp vegetation must be given special protection considering their role and importance in the preservation of the biodiversity.

**Section 3: Biodiversity**

**Article 13: Introduction, importation and exportation of any species of animals or plant**

The introduction into Rwanda, import and export of any animal or plant species take

**Section 2: Ressources en eau**

**Article 11: Utilisation des ressources en eau**

Les fleuves, les rivières, les ruisseaux, les eaux souterraines, les sources, les étangs, les marais et les lacs font partie du domaine public de l'État.

Leur utilisation est régie par la loi.

**Article 12: Protection des ressources en eau**

Les ressources en eau doivent être protégées contre toute source de pollution.

Les marais à eau permanente et riche en végétation marécageuse doivent bénéficier d'une protection spéciale en tenant compte de leur rôle et de leur importance dans la préservation de la biodiversité.

**Section 3: Biodiversité**

**Article 13: Introduction, importation et exportation de toute espèce d'animal ou de plante**

L'introduction au Rwanda, l'importation et l'exportation de toute espèce animale ou

cyangwa ikimera bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Gutunga no gucuruza inyamaswa zo mu gasozi**

Ibikorwa bikurikira mbere yo gukorwa bisabirwa uruhushya rwihariye rutangwa n'urwego rufite ubukerarugendo mu nshingano zarwo:

1° gutunga inyamaswa zo mu gasozi cyangwa ibikomoka ku nyamaswa zo mu gasozi;

2° kubunza, kugurisha, kugurana no gucuruza inyamaswa zo mu gasozi.

**<u>Icyiciro cya 4:</u> Umwuka wo mu kirere**

**<u>Ingingo ya 15:</u> Kurengera no kubungabunga umwuka wo mu kirere**

Inyubako ishobora guteza ibibazo cyangwa guteza ubuhumane, imodoka n'ibigendeshwa na moteri, ibikorwa by'ubucuruzi, ubukorikori cyangwa ubuhinzi bigomba gukoreshwa hakurikijwe amahame ya tekiniki yashyizweho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu rwego rwo kurengera no kubungabunga umwuka wo mu kirere.

place in accordance with relevant laws.

**<u>Article 14</u>: Keeping of and trade in wild animals**

The following acts are subject to prior permission granted by the organ in charge of tourism:

1° keeping of wild animals or products from wild animals;

2° hawking, sale, exchange of and trade in wild animals.

**<u>Section 4</u>: Atmosphere**

**<u>Article 15</u>: Protection and conservation of the atmosphere**

Any installation likely to create risks or cause pollution, vehicles and engine driven machines, commercial, craft or agricultural activities must be conducted in accordance with technical principles established by competent authorities in order to protect and preserve the atmosphere.

végétale se font conformément à la législation en la matière.

**<u>Article 14</u>: Détention et commerce d'animaux sauvages**

Les actes suivants requièrent l'autorisation préalable délivrée par l'organe ayant le tourisme dans ses attributions:

1° la détention d'animaux sauvages ou des produits d'animaux sauvages;

2° le colportage, la vente, l'échange et le commerce des animaux sauvages.

**<u>Section 4:</u> Atmosphère**

**<u>Article 15</u>: Protection et conservation de l'atmosphère**

Toute installation susceptible de créer des risques ou de causer la pollution, les véhicules et engins à moteur, les activités commerciales, artisanales ou agricoles doivent être exploitées conformément aux principes techniques établis par les autorités compétentes en vue de protéger et préserver l'atmosphère.

**Ingingo ya 16: Kurinda akayunguruzo k'imirasire y'izuba**

Ikoreshwa ry'ibintu bihumanya umwuka wo mu kirere, bihungabanya akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa ibyatuma ibihe bihinduka rigengwa n'Iteka rya Minisitiri.

**UMUTWE WA IV: KUBUNGABUNGA NO KURENGERA IBIDUKIKIJE BIVA KU BIKORWA BYA MUNTU**

**Ingingo ya 17: Imicungire y'imyanda itemba**

Gukusanya amazi y'imyanda, kuyatwara no kuyavanaho bikorwa hakurikijwe amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byihariye bishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

Amazi rusange yakoreshejwe n'amazi mabi yose agomba gushyirwa mu ruganda ruyasukura, agakoreshwa mu bikorwa by'isuku n'isukura n'iby'iterambere.

Amazi y'imyanda aturutse ahakorerwa imirimo ikoresha imiti y'ubutabire agomba kubanza gutunganywa mbere yo koherezwa mu ruganda ruyatunganya.

Amazi yamaze gutunganywa akagera ku bipimo byemewe ashobora koherezwa mu migezi cyangwa ibiyaga.

**Article 16: Protection of the ozone layer**

The use of air pollutants, substances that deplete the ozone layer or which are likely to cause climatic changes is governed by an Order of the Minister.

**CHAPTER IV: CONSERVATION AND PROTECTION OF BUILT ENVIRONMENT**

**Article 17: Liquid waste management**

The collection, transport and disposal of waste water are conducted in accordance with special regulations and guidelines issued by the competent authority.

Water from the sewage system and any type of liquid waste must be collected in treatment factories for purification and serve thereafter to perform hygiene, sanitation and developmental activities.

Waste water from factories using chemicals in their processes must be pre-treated before being taken to a treatment factory.

Water efficiently purified to standards may be poured into streams or lakes.

**Article 16: Protection de la couche d'ozone**

L'utilisation des polluants atmosphériques, des substances qui dégradent la couche d'ozone ou susceptibles de causer des changements climatiques est régie par arrêté du Ministre.

**CHAPITRE IV: CONSERVATION ET PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT BÂTI**

**Article 17: Gestion des déchets liquides**

La collecte, le transport et l'élimination des eaux usées sont effectués conformément aux règlements et directives spéciaux émis par l'autorité compétente.

L'eau du système d'égouttage et toute sorte de déchets liquides doivent être collectés dans une usine de traitement pour épuration et enfin servir aux activités d'hygiène, d'assainissement et de développement.

Les eaux usées des usines utilisant des produits chimiques dans leurs procédés doivent être prétraitées avant d'être conduites à une usine de traitement.

Les eaux soigneusement épurées selon les normes peuvent être versées dans les ruisseaux ou dans les lacs.

**Ingingo ya 18: Imicungire y'imyanda ikomeye**

Nta muntu wemerewe kumena imyanda ikomeye ahantu hatabugenewe.

Imyanda ikomeye igomba kuvangurwa, gukusanywa no gatwarwa ahabugenewe hakurikijwe amategeko abigenga.

Imyanda ikomeye igomba kujugunywa mu kimpoteri cyabugenewe cyangwa igatwarwa mu nganda ziyibyaza umusaruro.

**Ingingo ya 19: Imicungire y'imyanda iteza impanuka cyangwa ubuhumane**

Imyanda iyo ari yo yose, cyane cyane ituruka mu bitaro, mu bigo nderabuzima no mu mavuriro, mu bigo by'ubushakashatsi bikoresha za laboratwari, mu nganda n'indi myanda yose yateza impanuka cyangwa yahumanya, igomba gukusanywa, gutunganywa no guhindurwa ku buryo bidahumanya ibidukikije hagamijwe gukumira, kuvanaho cyangwa kugabanya ingaruka mbi zayo ku buzima bw'abantu, umutungo kamere n'ibidukikije.

Uburyo bw'imicungire, ivanwaho n'iyambukiranyamipaka ry'imyanda ishobora guteza impanuka cyangwa ubuhumane bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Article 18: Solid waste management**

No person is authorised to discard solid waste in an inappropriate place.

Solid waste must be sorted, collected and transported to appropriate destination in accordance with relevant laws.

Solid waste must be disposed of in appropriate landfill or in a waste processing factory for production purposes.

**Article 19: Management of hazardous and toxic waste**

Any waste, especially from hospitals, health centres and clinics, research centres equipped with laboratories, industries and any other hazardous or toxic waste must be collected, treated and changed in a manner that does not degrade the environment in order to prevent, eliminate or reduce their adverse effects on human health, natural resources and environment.

Management, disposal and trans-boundary movements of hazardous or toxic waste are governed by an order of the Minister.

**Article 18: Gestion des déchets solides**

Personne n'est autorisé à jeter les déchets solides dans un endroit inapproprié.

Les déchets solides doivent être triés, recueillis et transportés à l'endroit approprié conformément à la législation en la matière.

Les déchets solides doivent être éliminés dans une décharge appropriée ou dans une usine de traitement des déchets à des fins de production.

**Article 19: Gestion des déchets dangereux et toxiques**

Tous les déchets, issus notamment des hôpitaux, des centres de santé et cliniques, centres de recherche munis de laboratoires, des industries et tout autre déchet dangereux ou toxique doivent être collectés, traités et modifiés de manière à ne pas dégrader l'environnement afin de prévenir, éliminer ou réduire leurs effets néfastes sur la santé humaine, les ressources naturelles et l'environnement.

La gestion, l'élimination et les mouvements transfrontaliers de déchets dangereux ou toxiques sont régis par arrêté du Ministre.

**Ingingo ya 20: Imicungire y'imyanda ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga**

Imyanda yose ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga igomba gukusanywa, gutunganywa no guhindurwa ku buryo itangiza ibidukikije hagamijwe gukumira, kuvanaho cyangwa kugabanya ingaruka mbi zayo ku buzima bw'abantu, ku mutungo kamere n'ibidukikije.

Nta muntu wemerewe gukora ibikorwa byo guhuriza hamwe, gutwara, gucuruza, gutumiza, gutandukanya no kongera gukoresha imyanda ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga keretse abiherewe uruhushya n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

Uburyo bwo gutunganya imyanda ikomoka ku bikoresho by'ikoranabuhanga bugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**UMUTWE WA V: INSHINGANO ZA LETA, IZ'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE N'IZ'ABATURAGE MU KURENGERA, KUBUNGABUNGA NO GUTEZA IMBERE IBIDUKIKIJE**

**Icyiciro cya mbere: Inshingano zihuriweho**

**Article 20: Management of electronic waste**

Any electronic waste must be collected, treated and changed in a manner that does not degrade the environment in order to prevent, eliminate or reduce their adverse effects on human health, natural resources and environment.

No person is allowed to carry out activities of collecting, transportation, trading, import, dismantling and recycling electronic waste unless he/she holds an authorization issued by a competent authority.

Modalities for the processing of electronic waste are determined by an Order of the Minister.

**CHAPTER V: OBLIGATIONS OF THE STATE, DECENTRALISED ENTITIES AND LOCAL COMMUNITIES WITH REGARD TO THE PROTECTION, CONSERVATION AND PROMOTION OF ENVIRONMENT**

**Section One: Common obligations**

**Article 20: Gestion des déchets électroniques**

Tous les déchets issus des équipements électroniques doivent être collectés, traités et modifiés de manière à ne pas dégrader l'environnement afin de prévenir, éliminer ou réduire leurs effets néfastes sur la santé humaine, les ressources naturelles et l'environnement.

Nul n'est autorisé à mener des activités de collecte, transport, commerce, importation, désassemblage et recyclage sauf s'il possède une autorisation délivrée par une autorité compétente.

Les modalités de traitement des déchets électroniques sont déterminées par arrêté du Ministre.

**CHAPITRE V: OBLIGATIONS DE L'ÉTAT, DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES ET DES COMMUNAUTÉS QUANT À LA PROTECTION, CONSERVATION ET PROMOTION DE L'ENVIRONNEMENT**

**Section première: Obligations communes**

**Ingingo ya 21: Kwinjiza ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe muri gahunda z'iterambere**

Buri rwego rwose rushinzwe imibereho n'ubukungu rugomba kwinjiza muri gahunda yarwo ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki, ingamba, imigambi na gahunda byarwo.

Inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta n'abantu ku giti cyabo bagomba kubungabunga ibidukikije no gukumira ingaruka mbi z'imihindagurikire y'ibihe.

**Ingingo ya 22: Kwigisha abantu kubungabunga ibidukikije no kwita ku mihindagurikire y'ibihe**

Leta ifata ingamba zihamye zo kwigisha abantu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe kandi bigashyirwa no mu nteganyanyigisho z'amashuri ku nzego zose.

Inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta bigomba, mu bubasha bwabyo, gukangurira abaturage kwita ku bibazo byerekeye ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe.

**Article 21: Mainstreaming of environment and climate change in the development planning process**

Every socio-economic sector must mainstream environment and climate change in the development and implementation of its policies, strategies, plans and programs.

Administrative entities, national and international non-governmental organisations as well as individuals must conserve the environment and prevent adverse effects of climate change.

**Article 22: Education on the conservation of environment and climate change**

The State takes adequate measures aimed at the education on the conservation of the environment and adaptation to the impacts of climate change and integrates the same in schools curricula at all levels.

Within their capacity, administrative entities, national and international non-governmental organisations must sensitise the population on environmental and climate change issues.

**Article 21: Intégration de l'environnement et du changement climatique dans le processus de planification du développement**

Chaque secteur socio-économique doit intégrer l'environnement et le changement climatique dans l'élaboration et la mise en œuvre de ses politiques, stratégies, plans et programmes.

Les entités administratives, les organisations non-gouvernementales nationales et internationales ainsi que les particuliers doivent conserver l'environnement et prévenir les effets néfastes du changement climatique.

**Article 22: Éducation à la conservation de l'environnement et au changement climatique**

L'État prend des mesures appropriées visant l'éducation à la conservation de l'environnement et à l'adaptation aux impacts du changement climatique et intègre ces dernières dans les programmes scolaires à tous les niveaux.

Les entités administratives et les organisations non-gouvernementales nationales et internationales doivent, dans les limites de leur capacité, sensibiliser la population aux enjeux environnementaux et climatiques.

**Ingingo ya 23: Ubusitani**

Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zigomba gushyiraho ubusitani rusange.

Inzego za Leta zishinzwe imiturire n'ibikorwaremezo zigomba kwita ku ishyirwaho ry'ubusitani mu gishushanyo mbonera n'ibishushanyo byihariye by'abifuza kubaka inzu zitandukanye.

**Ingingo ya 24: Isuzuma ry'imihindagurikire y'ibihe no gutanga raporo**

Ikigo gifite imihindagurikire y'ibihe mu nshingano zacyo gifatanyije n'inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta bagomba guteza imbere, guhora bahuza n'igihe, gutangaza no gushyira ahagaragara ibi bikurikira:

1° urutonde rwo ku rwego rw'Igihugu rw'imyuka ikomoka ku bikorwa by'abantu isohorwa n'inkomoko iturutsemo bitewe n'imyuka yose ihumanya ikirere ivanwaho cyangwa igabanuka hakoreshejwe uburyo bugereranyije buteganywa n'amasezerano yerekeye imihindagurikire y'ibihe;

2° gahunda z'Igihugu zikubiyemo ingamba

**Article 23: Green spaces**

The government and decentralised entities must establish green spaces.

Public organs in charge of housing and infrastructure must ensure the integration of green spaces in the master plan as well as in individual construction plans.

**Article 24: Climate change assessment and reporting**

The authority in charge of climate change in collaboration with administrative entities and national and international non-governmental organisations must develop, regularly update, publish and make available the following:

1° national inventories of anthropogenic emissions by sources and removals by sinks of all greenhouse gases using comparable methodologies provided by the convention on climate change;

2° national programs containing measures to

**Article 24: Évaluation et rapports sur les changements climatiques**

L'état et les entités décentralisées doivent créer les espaces verts.

Les instances publiques en charge de l'habitat et des infrastructures doivent veiller à ce que les places verts soient incorporées dans le plan directeur ainsi que dans les plans de construction des particuliers.

L'Office ayant les changements climatiques dans ses attributions en collaboration avec les entités administratives et les organisations non-gouvernementales nationales et internationales, doivent développer, actualiser régulièrement, publier et rendre disponible ce qui suit:

1° les inventaires nationaux des émissions anthropiques par les sources et absorptions par les puits de tous les gaz à effet de serre selon des méthodes comparables fournies par la convention sur les changements climatiques;

2° les programmes nationaux contenant des

zo koroshya imihindagurikire y'ibihe, hagabanywa imyuka ikomoka ku bikorwa bya muntu, hifashishijwe uburyo bwo kugabanya cyangwa kuvanaho aho iyo myuka ihumanya ikirere ikomoka;

3° isuzuma ry'ingaruka imihindagurikire y'ibihe yagira ku Gihugu na gahunda zikubiyemo ingamba zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu nzego zitandukanye zishobora kugirwaho ingaruka.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutegura raporo ku rwego rw'Igihugu ku mihindagurikire y'ibihe n'inshingano z'inzego zirebwa nayo.

**<u>Ingingo ya 25:</u> Ingamba zo kwita ku mihindagurikire y'ibihe no guhererekanya ikoranabuhanga**

Ikigo gifite imihindagurikire y'ibihe mu nshingano zacyo kimaze kugisha inama inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta kigomba guteza imbere no gufatanya mu guteza imbere, gukoresha no gusakaza, guhanahana ikoranabuhanga, ibikorwa n'uburyo bugenzura, bugabanya cyangwa bukumira imyuka ikomoka ku bikorwa bya muntu ndetse n'imyuka isohorwa yangiza ikirere kandi bikongera ubushobozi bwo kubyihanganira hagamijwe guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

mitigate climate change by addressing anthropogenic emissions by sources and removals by sinks of all greenhouse gases;

3° national climate change vulnerability assessment and programs containing measures for adaptation to impacts of climate change in different sectors likely to be affected.

An Order of the Minister determines the procedure for preparation of national report on climate change and responsibilities of organs that are involved.

**<u>Article 25</u>: Response measures on climate change and technology transfer**

The Authority in charge of climate change upon consultation with administrative entities and national and international non-governmental organisations must promote and cooperate in the development, application and diffusion of, including transfer of technologies, practices and processes that control, reduce or prevent anthropogenic emissions of greenhouse gases and increase the adaptive capacity to build climate resilience.

mesures pour atténuer les changements climatiques en traitant les émissions anthropiques par les sources et absorptions par les puits de tous les gaz à effet de serre;

3° une évaluation nationale de la vulnérabilité au changement climatique et des programmes contenant des mesures d'adaptation aux impacts du changement climatique dans les différents secteurs susceptibles d'être affectés.

Un arrêté du Ministre détermine la procédure de préparation du rapport national sur le changement climatique et les attributions des organes impliqués.

**<u>Article 25</u>: Mesures de réponse aux changements climatiques et transfert de technologie**

L'Office ayant les changements climatiques dans ses attributions après consultation avec les entités administratives et les organisations non-gouvernementales nationales et internationales doit développer, favoriser et coopérer au développement, à l'application et à la diffusion, y compris le transfert des technologies, des pratiques et processus visant à réduire ou à prévenir les émissions anthropiques des gaz à effet de serre et accroître la capacité d'adaptation pour renforcer la résilience climatique.

**Icyiciro cya 2: Inshingano za Leta**

**Ingingo ya 26: Inshingano rusange za Leta**

Leta ifite inshingano rusange zo kurinda no kubungabunga ibidukikije zikurikira:

1° gukora gahunda rusange kandi ihamye ijyanye n'ibidukikije no kugenzura ko ishyirwa mu bikorwa;

2° kugirana amasezerano n'izindi nzego agamije kubahiriza no gushyira mu bikorwa iri tegeko;

3° gushyiraho ingamba za ngombwa zo kurinda no kwita ku nshingano zivugwa mu masezerano mpuzamahanga yashyizeho umukono;

4° kubuza igikorwa cyose gikorwa mu izina ryayo cyangwa mu bubasha bwayo, gishobora guhungabanya ibidukikije mu kindi gihugu cyangwa mu turere turenze ububasha bwayo;

5° gufatanya n'izindi Leta mu gufata ibyemezo birwanya ubuhumane burenga imipaka;

6° kurinda, kubungabunga no gukoresha neza ibidukikije ikoresheje ingamba zihamye;

**Section 2: Obligations of the State**

**Article 26: General obligations of the State**

The State has the following general obligations to protect and conserve the environment:

1° to design a general and integrated policy on the environment and ensure its implementation;

2° to conclude agreements with other organs for the enforcement and implementation of this Law;

3° to take necessary measures to protect and respect the obligations stipulated in international agreements which it signed;

4° to prohibit any activity carried out on its behalf or in its capacity that may degrade the environment in another country or in regions beyond its national jurisdiction;

5° to co-operate with other states in taking decisions to fight trans-boundary pollution;

6° to protect, conserve and manage properly the environment using appropriate measures;

**Section 2: Obligations de l'État**

**Article 26: Obligations générales de l'État**

L'État a les obligations générales suivantes pour la protection et la conservation de l'environnement:

1° élaborer une politique générale et intégrée en matière d'environnement et en assurer la mise en œuvre;

2° conclure des accords avec d'autres organes pour l'application et la mise en œuvre de la présente loi;

3° prendre les mesures nécessaires pour protéger et respecter les obligations stipulées dans les accords internationaux qu'il a signés;

4° interdire toute activité exercée en son nom ou en sa capacité susceptible de dégrader l'environnement dans un autre pays ou dans des régions situées au-delà de sa juridiction nationale;

5° coopérer avec d'autres états dans la prise des décisions de lutte contre la pollution transfrontalière;

6° protéger, conserver et gérer correctement l'environnement à l'aide des mesures appropriées;

7° gushyiraho politiki y'Igihugu ku mihindagurikire y'ibihe no guteza imbere ingamba, imigambi na gahunda bigamije kugabanya ukwiyongera kw'imyuka ihumanya ikirere no kongera ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe harimo ubushakashatsi no gukoresha inyigo nsuzuma ngaruka.

**<u>Ingingo ya 27:</u> Kurinda no kubungabunga ubutaka**

Leta ni yo yonyine ifite ububasha bw'ikirenga mu gucunga ubutaka bwose buherereye mu mbibi z'umupaka w'Igihugu. Iburinda kandi ikabubungabunga binyuze mu buryo bukurikira:

1° gushyiraho ingamba zo kurwanya isuri n'izo kurwanya ubuhumane bw'ubutaka biturutse ku miti, ifumbire, imiti ikoreshwa mu buvuzi bw'abantu n'ubw'inyamaswa n'ibindi byose byemerewe gukoreshwa;

2° gushyiraho ingamba zihamye zo gusubiranya ubutaka bwangiritse.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Kurinda urusobe rw'ibinyabuzima**

Leta ifite ishingano zo kurinda urusobe rw'ibinyabuzima zikurikira:

7° to establish a national policy on climate change and develop strategies, plan and programs aiming at slowing down the increase of greenhouse gas emissions and enhancing adaptive capacity to the impacts of climate change including research and impact assessment studies.

**<u>Article 27</u>: Protection and conservation of soil**

Only the State has the supreme power of management of all land situated on the national territory. It protects and conserves it by means of the following:

1° to establish measures for controlling soil erosion and soil pollution by chemical substances, fertilisers, human and veterinary medicines and others which are allowed for use;

2° to establish concrete measures for rehabilitating degraded soils.

**<u>Article 28</u>: Biodiversity protection**

The State has the following obligations to protect the biodiversity:

7° mettre en place une politique nationale sur le changement climatique et élaborer des stratégies, des plans et programmes visant à ralentir l'augmentation des émissions des gaz à effet de serre et à renforcer la capacité d'adaptation aux effets du changement climatique y compris les études de recherche et d'évaluation de l'impact.

**<u>Article 27</u>: Protection et conservation du sol**

Seul l'État dispose d'un pouvoir suprême de gestion de l'ensemble des terres situées sur le territoire national. Il les protège et les conserve de manière suivante :

1° mettre en place des mesures de lutte contre l'érosion du sol et la pollution du sol par des substances chimiques, des engrais, des médicaments à usage humain et vétérinaire et autres dont l'usage est admis;

2° mettre en place des mesures concrètes de réhabilitation des sols dégradés.

**<u>Article 28</u>: Protection de la biodiversité**

L'État a les obligations suivantes en vue d'assurer la protection de la biodiversité:

1° gushyiraho urutonde rw'ubwoko bw'inyamaswa n'ibimera bigomba kurindwa hakurikijwe uruhare bigira mu ndiri y'urusobe rw'ibinyabuzima, ubuke bwabyo, ubwiza bwabyo, ubukendere bwabyo ndetse n'uruhare rwabyo mu bukungu, umuco n'ubumenyi;

2° kugaragaza uturere tugomba kurindwa hagamijwe kubungabunga cyangwa gusubiranya indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima, amashyamba, ahateye ibiti, amoko y'ibinyabuzima n'ahantu harinzwe, inyubako karemano, uturere nyaburanga, imisozi n'ibibaya.

Urutonde ruvugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo, rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 29: Imikoreshereze y'ingufu**

Leta ifite inshingano zo guteza imbere imikoreshereze myiza y'ingufu. Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano yibanda kuri ibi bikurikira:

1° guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu zisubiranya;

2° guteza imbere imikoreshereze myiza y'ingufu;

3° guteza imbere ikoreshwa ry'ubundi bwoko bw'ingufu bushobora gusimbura ingufu zituruka ku biti.

1° to establish the list of species of animals and plants that must be protected depending on their role in ecosystems, their scarcity, their aesthetic value, their threat to extinction and their economic, cultural and scientific role;

2° to identify areas to be protected for conservation or rehabilitation of ecosystems, forests, woodlands, species of biodiversity and protected zones, monuments, historical sites and landscapes.

The list referred to in item 1° of this Article is established by an Order of the Minister.

**Article 29: Energy use**

The State has the obligations to promote effective energy use. While discharging such obligations, it focuses on the following:

1° to promote the use of renewable energy;

2° to promote effective energy use;

3° to promote the use of other types of energy which may replace that derived from wood.

1° établir la liste des espèces animales et végétales qui doivent être protégées en fonction de leur rôle dans les écosystèmes, de leur rareté, de leur valeur esthétique, de leur menace d'extinction et de leur rôle économique, culturel et scientifique;

2° identifier les zones à protéger en vue de la conservation ou de la restauration des écosystèmes, forêts, chantiers forestiers, espèces de biodiversité et zones protégées, monuments, sites historiques et paysages.

La liste visée au point 1° du présent article est établie par arrêté du Ministre.

**Article 29: Utilisation de l'énergie**

L'État a les obligations de promouvoir une utilisation efficace de l'énergie. Dans l'exécution de ces obligations, il se concentre sur les points suivants:

1° promouvoir l'utilisation des énergies renouvelables;

2° promouvoir l'utilisation efficace de l'énergie;

3° promouvoir l'utilisation d'énergie qui peut remplacer celle dérivée du bois.

**Ingingo ya 30: Imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'uko rikorwa**

Urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije mbere y'uko ibona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri. Rishyiraho kandi amabwiriza n'uburyo bigenga ikorwa ry'isuzumangaruka ku bidukikije.

**Ingingo ya 31: Isuzuma ry'ingamba zo ku bidukikije**

Buri politiki, ingamba, imigambi na gahunda bigomba gukorerwa isuzuma ry'ingamba ku bidukikije.

Uburyo bwo gukora isuzuma ry'ingamba ku bidukikije bugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 32: Igenzura ry'ibidukikije**

Buri mushinga ushobora kugira ingaruka igaragara ku bidukikije ugomba gukorerwa igenzura ry'ibidukikije mu gihe na nyuma y'uko ushyirwa mu bikorwa.

Urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa igenzura ry'ibidukikije rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri. Rishyiraho kandi amabwiriza n'uburyo bigenga ikorwa ry'igenzura ku bidukikije.

**Article 30: Projects that must undergo an environmental impact assessment and its procedure**

The list of projects that must undergo an environmental impact assessment before they obtain authorization for their implementation is established by an Order of the Minister. An Order of the Minister also issues instructions and procedures for conducting environmental impact assessment.

**Article 31: Strategic environmental assessment**

Every policy, strategy, plan and programme must undergo a strategic environmental assessment.

Procedures for conducting strategic environmental assessment are determined by an Order of the Minister.

**Article 32: Environmental audit**

Every project that may have significant impact on the environment must undergo an environmental audit during and after its implementation.

The list of projects that must undergo environmental audit is established by an Order of the Minister. An Order of the Minister also issues instructions and procedures for conducting environmental

**Article 30: Projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental et sa procédure**

La liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental avant qu'ils obtiennent l'autorisation de mise en exécution est établie par arrêté du Ministre. L'arrêté du Ministre établit également les directives et les modalités de réalisation de l'étude d'impact environnemental.

**Article 31: Évaluation environnementale stratégique**

Chaque politique, stratégie, plan et programme doivent faire l'objet d'une évaluation environnementale stratégique.

Les procédures d'évaluation environnementale stratégique sont déterminées par arrêté du Ministre.

**Article 32: Audit environnemental**

Chaque projet susceptible d'avoir un impact significatif sur l'environnement doit faire l'objet d'un audit environnemental pendant et après son exécution.

La liste des projets devant faire l'objet d'un audit environnemental est établie par arrêté du Ministre. L'arrêté du Ministre établit également les directives et les modalités d'audit environnemental.

audit.

**Ingingo ya 33: Gusuzuma no kwemeza inyigo ku bidukikije**

Isuzumangaruka ku bidukikije, igenzura ku bidukikije n'isuzuma ry'ingamba ku bidukikije bigomba kwemezwa n'Ikigo cyangwa urundi rwego rwa Leta rwabiherewe uruhushya rwanditswe n'Ikigo. Iyo bikozwe n'urundi rwego rwabiherewe uruhushya, rubikora mu izina ry'Ikigo ari na cyo kibigenzura.

**Ingingo ya 34: Ikiguzi cy'inyigo z'isuzuma ku bidukikije**

Ikiguzi gihabwa inzobere yakoze igenzura ku bidukikije, isuzumangaruka ku bidukikije cyishyurwa na nyir'umushinga.

Ikiguzi gihabwa inzobere yakoze isuzuma ry'ingamba ku bidukikije cyishyurwa n'urwego rwa Leta rwarikoresheje.

Iteka rya Minisitiri rigena amafaranga atangwa na nyir'umushinga wifuza serivisi z'inyigo z'ingaruka ku bidukikije n'igenzura ku bidukikije zitangwa na Leta.

**Article 33: Consideration and approval of environmental studies**

The environmental impact assessment, environmental audit and strategic environmental assessment must be approved by the Authority or another State organ authorised in writing to do so by the Authority. If the approval is made by an authorised organ, such an organ does so on behalf of the Authority which is also responsible for its audit.

**Article 34: Cost of environmental assessments**

The consultancy cost for environmental audit and environmental impact assessment are borne by the project initiator.

The consultancy cost for strategic environmental assessment are borne by the recipient public institution.

An Order of the Minister determines fees to be paid by the project initiator seeking environmental impact assessment and environmental audit services provided by the State.

**Article 33: Examen et approbation des études environnementales**

L'étude d'impact environnemental, l'audit environnemental et l'évaluation environnementale stratégique doivent être approuvés par l'Office ou par un autre organe de l'État ayant une autorisation écrite de l'Office. Lorsque cela est fait par un autre organe ayant l'autorisation, ce dernier le fait au nom de l'Autorité qui en assure également l'audit.

**Article 34: Coût d'études environnementales**

Le coût de consultance pour l'audit environnemental et l'étude d'impact environnemental sont à la charge de l'initiateur du projet.

Le coût de consultance pour l'évaluation environnementale stratégique est à la charge de l'entité publique bénéficiaire.

Un arrêté du Ministre détermine les frais à payer par l'initiateur du projet qui sollicite des services d'étude d'impact sur l'environnement et d'audit environnemental offerts par l'État.

**<u>Ingingo ya 35:</u> Gutera inkunga ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije**

Leta ishyiraho uburyo bwo gutera inkunga imishinga ya Leta, iy'inzego z'ubuyoboyozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta igamije kurengera ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

**<u>Ingingo ya 36:</u> Korohereza ibikorwa bitangiza ibidukikije**

Ibikorwa birengera ibidukikije, itumizwa mu mahanga ry'ibikoresho bitangiza ibidukikije n'inganda zikoresha ikoranabuhanga ritangiza ibidukikije kandi risohora imyuka mike byoroherezwa mu buryo butandukanye hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 37:</u> Amazi n'isukura**

Leta ifite ishingano zo kurinda no kubungabunga amazi no guteza imbere isukura. Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano yibanda kuri ibi bikurikira:

1° gushyiraho ubwiherero rusange mu rwego rwo kwimakaza isuku;

2° gushyiraho ingamba zihamye, zerekeye imicungire y'isuku mu

**<u>Article 35</u>: Financing of environmental conservation activities**

The State sets financing mechanisms to support Government initiatives, initiatives of administrative entities, national and international non-governmental organisations aiming at protecting environment and building climate resilience.

**<u>Article 36</u>: Facilitation for environment friendly initiatives**

Initiatives aimed at protecting environment, importation of environmental friendly materials and factories using environmental friendly and low carbon technologies benefit from a range of facilitation arrangements in accordance with relevant laws.

**<u>Article 37</u>: Water and sanitation**

The State has the obligations to protect and conserve water resources and promote sanitation. While discharging such obligations, it focuses on the following:

1° put in place public toilets to foster hygiene;

2° to set up concrete policies relating to hygiene management in buildings, public

**<u>Article 35</u>: Financement des activités de conservation de l'environnement**

L'État met en place des mécanismes de financement pour appuyer les initiatives de l'État, celles des entités administratives et celles des organisations nationales et internationales non-gouvernementales visant à protéger l'environnement et à renforcer la résilience face au changement climatique.

**<u>Article 36</u>: Facilitation des initiatives respectueuses de l'environnement**

Les initiatives visant à protéger l'environnement, l'importation de matériaux écologiques et les industries utilisant les technologies soucieuses de l'environnement et à faible émission de carbone bénéficient d'une série de mesures de facilitation conformément à la législation en la matière.

**<u>Article 37</u>: Eau et assainissement**

L'État a les obligations de protéger et de conserver les ressources en eau et de promouvoir l'assainissement. Dans l'exécution de ces obligations, il se concentre sur les points suivants:

1° implanter des toilettes publiques pour renforcer la qualité d'hygiène ;

2° mettre en place des politiques concrètes relatives à la gestion de l'hygiène dans les

nyubako, ahantu hahurira abantu benshi, ku mihanda no mu ngo;

3° gushyiraho amabwiriza agenga ingomero z'amazi, ibitembo by'imyanda, aho imyanda itemba ijya, ibimoteri, aho imyanda ikusanyirizwa n'aho isukurirwa;

4° gushyiraho ingamba zo kurinda no gukoma imbuga zikikije amariba avomerwaho amazi anyobwa;

5° kugaragaza uduce dukomye mu rwego rwo kurinda, kubungabunga cyangwa gusana ibikorwa by'amazi n'ubwiza bwayo, inkombe n'inkuka, inzuzi, imigezi, ibiyaga, ibibaya imibande n'ibishanga;

6° gushyiraho ingamba zihamye zo gucunga neza umutungo w'amazi, zita ku bwiza bw'isoko yayo kandi bukagena uburyo bwo kongera ingano y'amazi no kwirinda kuyasesagura.

**<u>Ingingo ya 38:</u> Gukumira ingaruka mbi z'imihindagurikire y'ibihe**

Leta ifata ingamba mu gukumira ingaruka mbi z'imihindagurikire y'ibihe, yita kuri ibi bukurikira:

1° kwita ku mihindagurikire y'ibihe, muri

places, on roadsides and in households;

3° to establish regulations governing water dams, centralised sewerage systems, waste pipe lines, landfills, waste collection sites and treatment plants;

4° to establish measures to protect and reserve catchment areas around wells from where drinking water is drawn;

5° to identify reserved areas for protection, conservation or rehabilitation of water systems and its quality, riverbanks and shores, rivers, streams, lakes, plains, valleys and swamps;

6° to establish concrete measures for effective management of water resources, which considers the quality of its sources and determines means of raising the volume of water and avoiding its wastage.

**<u>Article 38</u>: Prevention of adverse effects of climate change**

The State undertakes actions to prevent the adverse effects of climate change, by means of the following:

1° to take climate change considerations into

bâtiments, les lieux publics, sur les routes et dans les ménages;

3° mettre en place une réglementation régissant les digues, les systèmes d'égouttage, les déversements d'égouts, les sites de décharge, les sites de collecte des déchets et les usines de traitement;

4° mettre en place des mesures pour protéger et réserver les bassins autour des points de prélèvement d'eau potable;

5° identifier les zones réservées à la protection, à la conservation ou à la réhabilitation des systèmes d'eau et de sa qualité, les rives et les bords, les rivières, les ruisseaux, les lacs, les plaines, les vallées et les marais;

6° mettre en place des mesures concrètes visant une meilleure gestion des ressources en eau qui tient compte de la qualité de ses sources et détermine les moyens d'augmenter le volume d'eau et d'éviter son gaspillage.

**<u>Article 38</u>: Prévention des effets néfastes des changements climatiques**

L'État prend les mesures pour prévenir les effets néfastes des changements climatiques en se basant sur les activités suivantes:

1° prendre en compte, dans la mesure du

politiki n'ibikorwa byayo byerekeye imibereho, ubukungu n'ibidukikije no gukoresha uburyo buhamye hagamijwe kugabanya ku buryo bushoboka ingaruka mbi ku bukungu, ubuzima rusange no ku bwiza bw'ibidukikije;

2° guteza imbere no gufatanya mu bikorwa by'ubumenyi, ikoranabuhanga, tekiniki, ubushakashatsi, imibereho n'ubukungu no gukusanya no gusesengura amakuru yerekeye imiterere y'ibihe no guteza imbere ububiko bwayo;

3° kwigisha, guhugura no gukangurira abaturage, inzego z'ubuyobozi, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta ibyerekeye imihindagurikire y'ibihe.

**<u>Icyiciro cya 3:</u> Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'iz'abaturage mu kubungabunga ibidukikije**

**<u>Ingingo ya 39:</u> Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage**

Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zigomba gushyira mu bikorwa amategeko, politiki, ingamba, imigambi na gahunda byerekeranye no kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije

account, to the extent feasible, in its relevant social, economic and environmental policies and actions with a view to minimize adverse effects on the economy, on public health and on the quality of the environment;

